**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 4, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA MBERE GASHYANTARE (01-10) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Gashyantare, 2020**

## Iriburiro


Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Gashyantare 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 10, ahenshi mu gihugu habonetse imvura iringaniye ariko irutaho gake isa n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 126.1 ndetse no ku bupimiro bwa Kigali-Aero hapimwe milimetero 85.5. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu ingana na milimetero 6.7. Intara y'Amajyepfo, n'umujyi wa Kigali niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane nubwo bwiyongereye ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 30.8 °C mu Bugarama na 22.2 °C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 18.9 °C ku bupimiro bwa Bugarama na 11.9 °C ku bupimiro bwa Busogo.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gashyantare 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya mbere cya Gashyantare 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 126.1 na milimetero 6.7. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Byimana ho mumajyepfo (126.1mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu hapimwe milimetero 6.7.





*Ishusho1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gashyantare

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gashyantare.


Ubusanzwe iki igice cya Gashyantarekigusha imvura iri hagati ya milimetero 45 na 10.5; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye iringaniye ariko irutaho gake isanzwe igwa muri iki gice cya Gashyantare 2020 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Rubavu, Busogo, Nyamagabe na Kawangire habonetse invura nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa muri iki gice cya mbere.




*Ishusho 2:Imvura isanzwe igwa mu gice cya cy'ukwezi kwa Gashyantare*


### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ishusho ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Gahyanatare 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itatu n'iminsi icyenda (3-6) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 5. Iminsi mike yabaye 3 ku bupimiro Rubavu, Busogo, Bugarama na Kawangire na Nyagatare, iminsi myinshi yabaye 6 ku bupimiro bwa Musanze na Gitega. Ahandi hasigaye iminsi yari hagati y'ine n'itanu(4-5).




*Ishusho 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ishusho ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Gashyanatare 2020 bwagabanutse cyane mu ntara y'Amajyepfo, mu mujyi wa Kigali no mu majyepfo y'Intara y'Iburenerazuba bitewe n'ibihe by'izuba nubushyuhe byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere buzagabanuka mu gice cya kabiri cya Gashyantare bitewe n'uko imvura izakomeza kugabanuka.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ishusho ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 22.2 na 28 ahenshi mu gihugu; Bugarama ikaba ariho hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.8.





*Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

### *2.1.* Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi

11.4 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 18.9(Bugarama). Amajyaruguru n'Amajyepfo niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

**3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare (tariki 11-20) 2020**

**3.1 Ikirere giteganyijwe**

Ugereranyije n'igice cya mbere cya gashyantare, hateganyijwe ko imvura izagabanuka cyane mu gice cya kabiri cya Gashyantare. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 20 na 40; intara y'Iburengerazuba n'amajyepfo y'Iburengerazuba ndetse n'Amajyaruguru y'Iburengerazuba niho hateganyijwe kuzagusha imvura kurusha ahandi.

**3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi**

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kugabanuka kw'imvura mu gice cya kabiri cya Gashyantare 2020 (tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gutegura imirima yabo bitegura igihembwe cy'ihinga gitaha cy'itumba ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi n'uko babungabunga umusaruro mugihe cyo guhunika. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.